MINISTERE DE LA FAMILLE
ET DU DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE

1 D
4 P

Procès-Verbal

/Muh.N./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA FAMILLE ET DU DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE

Service du"CHAR"

Kigali, le
Nº 221/04/ /70

Bimenyeshejwe:
- Bwana Prezida wa Repubulika i KIGALI
- Bwana Ministri w'Imali i KIGALI
- Bwana Sekreteri wa Leta muli Pla y'Amajyambere i KIGALI

Kuli Bwana Prefe (Bose)

Prezida wa Komisiyo y'Ubwubatsi "CHAR" muli Prefegitura ya

Ibyemejwe kandi bigomba gukulikizwa.

Nkuko itegeko ryo kuwa 19/2/1964 lishinga Isanduku ya CHAR libiteganya; dukulikije ibyemejwe n'Inama ya Char yakorewe muli Prefegitura hamwe n'uwali ahagaraliye Ministeri y'Amajyambere y'Ingo n'ay'Ubufatanye bw'Abaturage, ibyemejwe kandi bizakulikizwa muli za Prefegitura zose z'u Rwanda ni ibi bikulikira :

Igice cya mbere.

Ingingo ya mbere

Kuva mu mwaka wa 1970 Isanduku yo kuzamura ubwubatsi mu Rwanda izajya iguliza abaturage amafranga yo kubaka amazu ku buryo bwateganyijwe n'itegeko ryo kuwa 19/2/1964, kandi bikemezwa na za Komisiyo z'Ubwubatsi mu Rwanda.

Buli Prefegitura igomba kubona umugabane wayo ku mafranga CHAR ihabwa buli mwaka. Uwo mugabane uhabwa abasabye kugulizwa, umwe umwe cyangwa se abafatanyije bashaka gutera inkunga amajyambere y'ubwubatsi mu ma Komini no muli Prefegitura.

Ingingo ya kabili.

Buli muturage uzagulizwa amafranga ya CHAR kuva muli uyu mwaka kimwe no mu myaka itaha, ntashobora guhabwa amafranga arenze ibihumbi milongo itatu (30.000 frs).

Komisiyo ya Prefegitura ifite uburenga-nzira bwo gutanga amafranga 10.000, 15.000, 20.000, 25.000 cyangwa se 30.000 gusa. Amafranga arenze ibihumbi 30.000 yemerwa na Ministri utegeka CHAR wenyine: ni ukuvuga ko igihe Komisiyo ya Prefegitura isanze ali ngombwa gutanga ayo mafranga ibimenyesha Ministri. Igihe Ministri abyemeye, Komisiyo ya Prefegitura irayatanga ikulikije uko yabitegenyije mu mugabane wayo yahawe.

Ingingo ya gatatu.

Muli uyu mwaka wa 1970 amafranga yagabanijwe za Prefegitura ku buryo muli buli komini haboneka byibuze umuntu umwe ugulizwa.

| Prefegitura | umubare wa Komini | Umubare w'amafranga yemerewe |
|---|---|---|
| BUTARE | 19 X 30.000 | 570.000 Frs |
| BYUMBA | 17 X 30.000 | 510.000 Frs |
| CYANGUGU | 11 X 30.000 | 330.000 Frs |
| GIKONGORO | 13 X 30.000 | 390.000 Frs |
| GISENYI | 12 X 30.000 | 360.000 Frs |
| GITARAMA | 17 X 30.000 | 510.000 Frs |
| KIBUNGO | 11 X 30.000 | 330.000 Frs |
| KIBUYE | 9 X 30.000 | 270.000 Frs |
| KIGALI | 16 X 30.000 | 480.000 Frs |
| RUHENGERI | 16 X 30.000 | 480.000 Frs |
| TOTAL | 141 | 4.230.000 Francs |

.../...

Muhereye kuli ayo mafranga, mushobora kugena abakwiye kuyahabwa kandi biga-korwa vuba.

Ingingo ya kane.

Komisiyo y'Ubwubatsi muli Prefegitura igomba kureba umubare w'abantu basa-bye kugulizwa muli buli Komini; kandi ikagena umubare w'amafranga n'uw'aba-gomba kugulizwa muli buli Komini; noneho bikamenyeshwa amakomini yose nta buryamirane.

Ingingo ya gatanu.

Komisiyo y'ubwubatsi muli Komini imaze kumenya umubare w'amafranga bayige-neye, itoranya mu basabye kugulizwa ikulikije ibya-ngombwa buli muntu agomba kugeraho ngo ahabwe amafranga. Umubare w'abantu n'amafranga igeneye buli muntu, byoherezwa muli Komisiyo ya Prefegitura kugira ngo ikore :

-Listi y'abagomba kuyahabwa muli Prefegitura yose

-Kwandika ibyemezo by'uko bagulijwe (Avis d'octroi)

-Kontaro aliyo masezerano y'ugulijwe.

Ingingo ya gatandatu.

Komisiyo ya Prefegitura yohereza mu Biro bya CHAR i Kigali :

-Urupapuro rumwe (ifishi) buli muntu ugulijwe yasabiyeho kugulizwa

-Kopi y'icyemezo cy'uko agulijwe (Avis d'octroi)

-Kontaro (amasezerano) y'ugulijwe.

Tabulo mufite izabafasha kumenya: inyungu, umubare w'amafranga agomba kwishyurwa buli kwezi; no gukora amasezerano y'abagulijwe.

Ingingo ya kalindwi.

Ugulizwa agirana amasezerano na Prefe wenyine cyangwa umusimbura we.

Ingingo ya munani.

Kugira ngo intego ya CHAR yo gufasha abaturage gutura heza igerwe ho, uruhare runini rukwiye kwegulirwa rubanda rugufi, aliko tutibagiwe ko ayo mafranga agomba kwishyurwa. Ndetse n'umukozi wa Leta ufite umushara muto ashobora kugulizwa.

Igice cya kabili, ingingo ya cyenda.

Ibyo uwemerewe kugulizwa agomba kugeraho duhereye ku ngingo ya 5, 11, 12, 13 na 19 z'itegeko ryo kuwa 19/2/1964 lishinga Isanduku ya CHAR :

1º-Kuba nibura amaze imyaka 18 avutse

2º-Kuba umunyarwanda kavukire

3º-Kuba afite ubushobozi bwo kwubaka inzu ikuzura neza

4º-Kuba ashobora kwishyura umwenda bitarenze imyaka itandatu

5º-Kuba yaratangiye kwubaka, cyangwa se afite ibikoresho bigaragara

6º-Kuba umunya-murava no kutagira indi myenda impande

7º-Kuba umuturage utanga urugero rwe neza muli Komini ye kandi yubaha amategeko ya Leta n'aya Komini.

8º-Kugira umutima wo guharanira amajyambere rusange

9º-Dukulikije icyifuzo cya Prezida wa Repubulika, mu byerekeye imitulire y'abanyarwanda mu myaka itaha, kuba ufite icyifuzo cyo guturana n'abandi no kubaka hafi y'imihanda cyangwa se aho bashobora kuyishyira.

../..

Igice cya gatatu

Ibyo za Komisiyo zishinzwe

Ingingo ya cumi

Komisiyo ya Komini ishinzwe :

-Kwakira no gusuzuma imimerere y'abaguza amafranga

-Guhitamo bakulikije ibyo twavuze haruguru, no gushyikiliza Komisiyo ya Prefegitura abakwiye kugulizwa

-Kugenzura no gukulikirana imikoresherezwe y'amafranga yatanzwe na CHAR

-Gutanga raporo y'imilimo y'ubwubatsi muli Komini, ikayohereza Komisiyo ya Prefegitura

-Gushyikiliza Komisiyo ya Prefegitura amafranga yishyuwe n'abagulijwe, aba yishyuwe n'abagulijwe amafranga muli Komini.

Ingingo ya cumi n'imwe.

Komisiyo ya Prefegitura ishinzwe :

-Kugenzura imikorere ya za Komisiyo za Komini

-Kwakira no guhuza ibivuye muli za Komini

-Kwemeza Listi rusange y'abemerewe kugulizwa muli Prefegitura

-Kugabanya amafranga mu ma Komini ikulikije abemerewe kugulizwa

-Gukulikiza uko abaturage bagiye bakulikirana mu iguza

-Kwita ku mulimo wo gukorana amasezerano (kontaro ) n'abagulizwa, ayo masezerano agasinywa na Prefe cyangwa se umusimbura we

-Kwohereza ibiro bya CHAR raporo yerekana uko amafranga yatanzwe, uko yakoreshejwe, ibyifuzo bya Prefegitura kugira ngo ubwubatsi bujye imbere mu ma komini

-Kwohereza ibiro bya CHAR amafranga yishyuwe.

Igice cya gatatu, iyishyuzwa ry'amafranga ya CHAR

Ingingo ya cumi n'ebyili.

Abalimo umwenda wa CHAR bishyulira muli Komini yabo; amafranga agahabwa Kontabule; nawe akayohereza Kontabule wa Prefegitura cyangwa se Prefe.

Kontabuli wa Prefegitura cyangwa se Prefe bahawe ayo mafranga, nabo bayashyikiliza ibiro bya CHAR, kuli konti yayo ZA 01310 mu iposta i Kigali limwe mu mezi atatu.

Ingingo ya cumi n'eshatu.

Umuturage wishyuye ayo mafranga agomba guhabwa buli gihe urupapuro rwemeza ko yishyuye, akaruhabwa na Kontabule wakiliye ayo mafranga. Igihe uwishyuye adafite urupapuro, CHAR ishobora kumukulikirana kuko nta cyemezo aba afite.

Ingingo ya cumi n'enye

Kontabule wa Komini igihe ajyanye amafranga yishyuwe muli Prefegitura, uyakiliye aliwe Kontabule wa Prefegitura cyangwa se Prefe, yandika mu gatabo k'ubwishyu ko ayabonye.

Ako gatabo kagirwa na Komini; gafite kopi enye kuli buli bwishyu. Kopi ya mbere ihabwa uwishyuye, kopi ya kabili iba iya Prefegitura, kopi ya gatatu yoherezwa mu biro bya CHAR hamwe n'amafranga, kopi ya kane iguma mu gatabo ali nako bandikamo ko amafranga ahawe Prefegitura.

../...

Igice cya kane. ubwushyu bw'amafranga ya Fonds d'Avance

Ingingo ya cumi na gatanu.

Komisiyo za Prefegitura zose z'u Rwanda zemeye gufatanya n'ibiro bya CHAR i Kigali, gukulikirana amafranga ya Fonds d'Avance atalishyurwa no gushaka uburyo bukwiye bwp gukoresha amazu yaba atagifite beneyo mu Rwanda.

Amafranga azishyurwa azashyirwa mu Sanduku ya CHAR, azavemo ahabwa abaturage nk'ayandi mafranga CHAR ishobora kugira.

Kubera iyo mpamvu, Komisiyo ya Prefegitura ifite uburenga-nzira n'ubushobozi bwo kugenzura abagulijwe amafranga ya Fonds d'Avance bose ikulikije ibaruwa ya Ministri w'Amajyambere y'Ingo n'ay'ubufatanye bw'abaturage yo ku wa 2/14/ Nº221/04/647 /70 bikamenyeshwa ibiro bya CHAR bidatinze.

Ubwo buryo bwo kwishyuza buzashakirwa hamwe bitewe n'uko buli Prefegitura izihatira gukora uwo mulimo.

Ibi byemewe n'inama za Komisiyo z'ubwubatsi muli za Prefegitura zose z'u Rwanda.

MINISTRI W'AMAJYAMBERE Y'INGO
N'AY'UBUFATANYE BW'ABATURAGE
Ch.KANYAMAHANGA.

BINYUJIJWE kuli B wana Ministri
w'ubugenga-gihugu n'ubucamanza
i K I G A L I